# 400: Twebw' abasiganirwa aho dutegekwa

1.
Twebw' abasiganirwa aho dutegekwa, Twitegey' ururembo Tuza gutahamo.

Ref:
Urwo rurembo rwera N'ibirimo byose Byubatwse n'izahabu Zirabagirana.

2.
Reka mbaganiririre Ibiri muri rwo, Mumeny' ibyiza byarwo, Murwifuze namwe

3.
Urupfu ntirubayo,Nta no kunanirwa, Nta mbeho, nta n'izuba, Nta ndwara, nta byago.

4.
Udakijijwe wese Ntabw' azatahamo, Kukw azahezwa hanze Hamwe na Satani.

5.
Mbe, mur'izo si zombi, N' iyihe uhisemo? Mbes' iyi s' izashonga Ni y' uzahamamo?

6.
Musig' iby'ino mw isi Bitazahoraho, Mwiyegurire Yesu, Umwami w'ijuru.

Visit us at indirimbo.com